REPUBLIC OF RWANDA
RWANDA AGRICULTURE AND ANIMAL RESOURCES DEVELOPMENT BOARD (RAB)
Office of the Director General
HUYE-RWANDA

Huye, ku wa...07.../....11..../2020
Ref. N° 01.11/..1330/020/PK/HQ

Ubutumwa Bugenewe Aborozi b'Ingurube

Muri iyi minsi hari aborozi b'ingurube bororeye mu turere twa Rwamagana, Kicukiro, na Gasabo bagaragaza ko ingurube zabo zirimo gufatwa n'indwara izica vuba ibi bikandindiza ubworozi bwabo.

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Iterambere ry'Ubuhinzi n'Ubworozi (RAB) kiramenyesha aborozi b'ingurube bose ko isuzuma ryakorewe mu borozi barwaje ndetse no muri laboratwari, ku bipimo byafashwe ku matungo arwaye, ryerekanye ko iyi ndwara ari **Ruje y'ingurube,** ikaba yitwa *Rouget du Porc* cyangwa *Swine Erysipelas* mu ndimi z'amahanga. Iyi ndwara iterwa n'agakoko ko mu bwoko bwa *bacteria* kitwa ***Erysipelothrix Rhusiopathiae***.

Ingurube yafashwe na Ruje igira umuriro mwinshi (41.1 – 42.8°C), igacika intege, ikagira ibibara bitukura ku ruhu, igahumeka nabi, amatwi akirabura, ikanga kurya no kunywa amazi, ikabyimba mu ngingo, ikananirwa kugenda igacumbagira. Ibi akenshi bikurikirwa n'urupfu. Ingurube ipfuye kandi ntiribwa iratabwa.

RAB irasaba aborozi b'ingurube bose ibi bikurikira:

1. Gushyira mu kato ingurube zafashwe n'izikekwaho ubwandu bw'iyi ndwara;
2. Gusukura neza ingurube n'ibiraro byazo hagaterwamo umuti wica udukoko *(disinfectant)* wabugenewe nk'uko babigirwamo inama n'abaveterineri;
3. Kumenyekanisha byihuse ingurube irwaye kuri ba veterineri babegereye kugira ngo babafashe kuvura ayo matungo;
4. Guhagarika kuzerereza ingurube ku gasozi;
5. Gushyira amatungo yabo mu bwishingizi burimo **Nkuganire** ya Leta aho **umworozi yishyura 60% by'igiciro naho leta ikamwishyurira 40% by'igiciro.**

RAB kandi irasaba abaveterineri bose mu mirenge n'uturere gukangurira aborozi gushyira mu bikorwa izi ngamba.

Patrick KARANGWA (PhD)
Umuyobozi Mukuru